

**UBUTUMWA BIKIRA MARIYA YAHAYE NYIRAMUKIZA VALENTINE BWO KUGEZA KU
BASENGA BOSE, ABEMERA NA BA NYIRANTIBINDEBA KU ITARIKI YA 13 /03/2023
SAA CYENDA N'IGICE (03H30) Z'IJORO IWE (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 Bruxelles).**

Bikira Mariya : Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, uranyumva neza ?

Valentine : Karame Mama. Ndakumva neza.

Bikira Mariya : Ntega amatwi nkubwire ikinzanye cyihutirwa. Hagarikira amasengesho yawe aho wari ugereje urayakomeza nyuma, ubanze wumve ikinzanye cyihutirwa mwana wanjye. Untege amatwi yombi unyumve ntunce mu ijambo. Uranyumva neza ?

Valentine: Yego Mama. Ndabyumvise singuca mu ijambo.

Bikira Mariya: Ndagutuma ku basenga bose n'abemera, na ba nyirantibindeba noneho nabo ubu birabareba.

Nimusenge cyane kurushaho kuko isi irugarijwe n'ibigeragezo byinshi: intambara, inzangano, urukundo ruke, akarengane, ishyari n'inzara n'ibindi.

Abantu bari gupfa ari benshi cyane mu ngeri zose: abarengana, abicwa n'inzara, uburwayi n'intambara, abazira akarengane n'urugomo.

Ndababaye cyane kubona abihayimana bacecetse babona ibiri kuba ku mbaga y'abantu nyamwishi bapfa bukira bugacya, bigakomeza na n'ubu hakabura n'umwe uhaguruka ngo ashirike ubwoba ngo abyamagane ku mugaragaro; ahamagarire abantu gusenga basaba amahoro ngo ibyo byose bigabanye ubukana.

Ndongera ngaruke kuri Kiriziya Gatorika n'ayandi madini. Ururimi rwabo rwaragobwe ntirugishobora kuvugira intama z'abo bashinzwe baragijwe n'Imana?

Bakuru ba Kiriziya! Ba Kardinali, ba Padiri na mwe Babikira muhugiye kuki ko mwaruciye mukarumira? Kandi, igihe icyorezo cya Covid cyari gihari, ko mwahoraga muboneka muvuga, mubwira abantu uko birinda kugeza no kwirinda Umubiri wa Kristu ari Wo muti w'icyorezo? Aho ntimwaba mwarahuye n'ikindi gikomeye cyane ntimukibone murangaye na n'ubu mutarahumura amaso nyayo y'umutima? Muri he hagati aho? Ndakomeje mbereke, mbaburire, uwumva yumvireho bana banjye. Nta cyorezo kiruta ikindi kuko byose birica.

Aho bitandukaniye ni aha: ni uko kimwe kiza ari uburwayi ukabona koko ko umuntu yishwe n'uburwayi. Naho rero intambara, iterwa n'abategetsi b'ibihugu bashyamiranye batumvikana ku bintu bimwe na bimwe, batumvikanaho no kutubahana no kudahazwa n'ibyo

batunze iwabo; bakitwaza ububasha bafite bwo gusumba abandi, agasuzuguro n'amacakubiri, ishyari, inda nini no kwifuza ibya mirenge n'ibitari ibyabo bitewe n'ababireba ku giti cyabo bitwaje ubushobozi bafite n'icyo bari cyo n'ababashyigikiye babasunika ngo barwane bicane, abo na bo baba bakurikiye inyungu zabo z'iby'isi.

Abo bose rero bibagirwa ko abapfa, abo bica bose ari abantu nka bo baremwe mu ishusho ry'Imana. Umwana wanjye Yezu Kristu yitanga ngo apfe yapfiriye abantu bose ntiyarobanuye. None abo bica abandi babarobanura bate? Bitwaje iki? Ikimbabaza cyane ni uko bica abatagize aho baturira n'ibyo bashaka, n'ibyo barwanira, hagapfa ibitambambuga, abana bato, ibisekeramwanzi, abagenda n'abakicaye, ndetse n'abataravuka bakiri mu nda z'ababyeyi babo. Ubwo se koko mwumva ko bitababaza Imana yabaremye mwese? Na mwe mubica, mwaremwe n'Imana nka bo.

Ibyo byose mbibabwiye kugirango mufungure amaso y'umutima n'ay'umubiri kugirango mubone ukuri kandi mwumve uburemere bw'ibiri kuba mu bihugu birimo intambara n'ubwicanyi bukabije buri gukorerwa abantu batandukanye.

Ni yo mpamvu nsaba Abihayimana n'abakristu bose ba Congo, cyane cyane abegereye ahari kubera imirwano y'ubwicanyi bw'indengakamere buri kuhagera, ko bagomba kwirinda kugwirwaho n'umuriro w'ikirunga kiri gututumba ku mpande zombi, ngo mwese muhure n'ikibazo gikomeye hamwe n'U Rwanda, ngo bahaguruke basenge cyane basabira ibihugu byabo byugarijwe n'umwijima w'umwanzi Shitani ibateza umwuma wo guhora bashaka kumena amaraso y'inzirakarengane mu buryo bwose bishoboka.

Nimufate umwanya mwihererane n'Imana mu mitima yanyu maze murebe, mwumve icyo muri cyo. Mbese icyo muri cyo kirute icyo mupfa.

Abasenga na mwe muvuga Rozali ya buri muni, ndabasaba kubanza kwisuzuma, mukihana, mukicuza, mugasabirana, mugasabana imbabazi, mukababarira, mukababarirana no kwiyunga na buri wese, mukiyunga na mwe ubwanyu, kugirango isengesho ryanyu rigende neza rikize abarwayi b'ingeri zose kandi rikagabanura ubukana bw'ikibi cyose cyugarije isi n'ab'isi: nk'indwara, intambara n'ibindi byuririzi bibi byugarije isi bana banjye nkunda!

Ni yo mpamvu rero na mwe mbasaba ngo mubanze musabane, mwizerane ntaburyarya, mwiyunge, musabane imbabazi, mubabarire mubabarirane, mbese mwunge ubumwe, mutahirize umugozi umwe. Mwubakire hamwe urukiramende ruhagarare rutajegajega, mbese imitima yanyu ikomere ku Mana.

Bana banjye imitima y'abantu benshi irababayeye cyane kandi irakomeretse, ikeneye gusanwa n'amasengesho avuye ku mutima.

Ngaho vuga aya masengesho nguhe umugisha, umugisha wa Kibyeyi:

- Isengesho ryo gusabira abarwayi
- Isengesho ryo gusabira abatwanga
- Dawe uri mu ijuru...
- Ndakuramutsa Mariya
- Hubahwe Imana Data
- Kw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Ngaho komeza isengesho ryawe aho wari ugereje mwana wanjye nkunda.

Ijoro ryiza.

Valentine : Urakoze cyane Mama. Uramuke.